

Ikinyarwanda I

009

25/07/2023 2:00 PM – 5.00 PM



**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO RUSANGE
CY'AMASHURI YISUMBUYE, 2022-2023**

IKIZAMINI: IKINYARWANDA I

IGIHE KIMARA: AMASAH 3

AMABWIRIZA:

- 1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
- 2) Ikizamini kigizwe n'ibibazo 20. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye.
- 3) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 30)
 - **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo (amanota 25)
 - **Igice cya gatatu :** Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 30)
 - **Igice cya kane :** Ihangamwandiko (amanota 15)
- 4) Subiriza mu ikaye yabugenewe wubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
- 5) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- 6) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
- 7) Kirazira kugaragaza amazina yawe, ay'ishuri wigamo cyangwa ibindi bikuranga ku ihangamwandiko n'ahandi hose hatabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
- 8) Ukurikize amabwiriza ari kuri buri kibazo.
- 9) Koresha gusa ikaramu y'**ubururu** cyangwa iy'**umukara**.

BATEYE RWASERERA

Uyu mugani bawuca iyo babonye abantu basahinda bateye imvururu, ni ho bavugaga ngo: "Bateye rwaserera!" Wakomotse kuri Rwaserera w'i Rusororo mu Rukaryi (Kigali) ahagana umwaka wa 1700.

Ubwo hari ku ngoma y'umwami Cyilima Rujugira maze hatara akanda k'inzara kayogoza u Bwanacyambwe, u Rukaryi n'u Buganza. Abantu bo muri ako karere bicwa n'inzara karahava. Nuko i Rusororo mu Rukaryi hagatura umugabo witwa Rwaserera, akaba umukungu ukomeye cyane, afite amasaka yuzuye ibigega. Abantu bo muri utwo turere bakajya bamucaho inshuro, ndetse n'abafite ibimasa n'amasuka bakazana akabahahira.

Inzara igumya guca ibintu muri utwo turere. Bukeye umugabo wari utuye i Buganza bwa Kiramuruzi witwa Rubanguka rwa Mpama arikora ajya gukeza Rwaserera. Ageze iwe ati: "Nje kugukeza ngo unsindire iki cyago k'inzara." Rwaserera aramwemerera aramuhaka. Amushyira mu bahinzi be barahingana. Bukeye ajya kureba uko abahinzi be bahinga nuko asanga Rubanguka yihagarariye. Amubonye aramutonganya, aranamutuka ati: "Dore iyo nyana y'imbwa y'Umuganza w'umudeshyi irandehereza abahinzi; nkabona iwanyu mwararimbuwe n'inzara ni ubwo bunebwe bwanyu!"

Rubanguka abyumvise ararakara, isuka ayijugunya hasi aragenda n'inshuro yaciye arayita nuko ataha iwabo i Kiramuruzi. Agezeyo abitekerereza abaturanyi be, ababwira uko Rwaserera ari umugome wasagutswe n'umurengwe bikabije. Amaze kugenda Rwaserera biramubabaza ati: "Nta wundi Muganza nzongera guhingisha cyangwa ngo muhahire." Kuva ubwo, uje kwa Rwaserera guhakwa, akamubaza aho aturuka. Yamubwira ko aturuka i Buganza akamwirukana. Abanyabuganza babura aho bahahira. Hashize iminsi Rubanguka abagisha inama yo gutera Rwaserera ngo bamunyage ubwo bukungu ahangisha. Baranga bati: "Ntabwo twakwiteza umuntu ejo bitazatugwa nabi mu batware cyangwa ibwami"; abandi barembejwe n'inzara bati: "Tuzamutera ahubwo bazatwice aho kwicwa n'inzara."

Nuko ngo bugorobe, barikora baboneza iy'i Rusororo ijoro ryose. Umuseke wa mbere utambitse bavuzza induru ndende bati: "Umwami yatanze Rwaserera!" Rubanda bakangukira hejuru, abanyanzara bose babyumvise batanguranwa kwa Rwaserera. Mbese Igihugu cyose kirashika n'isahinda gitera Rwaserera. Baramusakiza bamutwara ibyo yari atunze byose. Kuva ubwo rero, babona abantu bari ku musozi basahinda, bakavugaga ngo: "Bateye Rwaserera". Ubwo baba bagereranywa n'abateye Rwaserera w'i Rusororo azize agasuzuguro k'umurengwe. "Gutera rwaserera" ni ugutera imvururu z'urudaca.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Uyu mwandiko ni bwoko ki ? Sobanura igisubizo cyawe. (amanota 3)
- 2) Garagaza impamvu ebyiri (2) zatumye abantu baza guca inshuro kwa Rwaserera. (amanota 2)
- 3) Andika ibintu bitatu (3) byerekana ko Rwaserera yari umukungu. (amanota 3)
- 4) Mu bami batwaye u Rwanda : (amanota 5)
 - (a) Andika undi mwami wafashe izina rya Cyilima.
 - (b) Cyilima Rujugira yasimbuye uwuhe mwami ku ngoma?
 - (c) Cyilima Rujugira yasimbuwe n'uwuhe mwami ku ngoma?
 - (d) Andika andi mazina abiri y'ubwami yahabwaga abami b'u Rwanda.
- 5) Usibye u Bwanacyambwe, u Buganza n'u Rukaryi andika izindi mpugu enye (4) zo mu Rwanda rwo hambere. (amanota 4)
- 6) Ukurikije uyu mwandiko, ubucuruzi bwakorwaga bute muri icyo gihe? Tanga urugero rugaragara mu mwandiko. (amanota 3)
- 7) Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko: (amanota 5)
 - (a) Akanda k'inzara
 - (b) Bamucaho inshuro
 - (c) Gukeza
 - (d) Umudeshyi
 - (e) Isahinda
- 8) Garagaza ibintu bitatu (3) biri mu mwandiko byerekana uburakari bwa Rubanguka. (amanota 3)
- 9) Erekana impamvu ebyiri (2) zaba zaratumye abantu bumvira Rubanguka bagatera Rwaserera. (amanota 2)

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

- 10) Tanga ingero ebyiri kuri buri bwoko : zu (amanota 4)
 - (a) Amazina yo mu nteko ya 11 afata ubwinshi mu nteko ya 10.
 - (b) Amazina yo mu nteko ya 11 afata ubwinshi mu nteko ya 14.
- 11) Hanga interuro ngufi ukoresheho: (amanota 5)
 - (a) Ikinyazina ngenga
 - (b) Icyungo
 - (c) Umugereka w'uburyo
 - (d) Izina ntera
 - (e) Inyiganarusaku
- 12) Tanga intego n'amategoko y'igenamajwi (mu mpine) yakoreshejwe ku magambo atsindagiye. (amanota 9)
 - (a) **Inzara** ikomeza **guca** ibintu muri utwo turere.
 - (b) Mu bateye kwa Rwaserera harimo n'**abanyamerwe benshi**.
- 13) Tanga uturango dutatu (3) twa ntera. (amanota 3)

- 14) Tondagura izi nshinga zagaragajwe mu gihe wahawe. (amanota 4)
 (a) Amabuye-amwe **akorwamo** ibikoreshe **bidufasha** mu iterambere. (inzagihe)
 (b) Ibidukikije **bidufasha** kubona umwuka **duhumeka**. (impitagihe)

IGICE CYA GATATU : UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

- 15) Uzurisha aya magambo mu nteruro zikurikira: **ikinamico, umwandiko ntekerezo, inkuru ishushanyije, umwandiko mvugo shusho**. (amanota 4)
 (a) Uwandika ahera ku nsanganyamatsiko runaka akavuga ibyo abona, yumva cyangwa atekereza ko byabaho.
 (b)ugaragaza ikivugwa uko kiri, ukagaragaza imiterere yacyo binyujijwe mu magambo n'invugo zishushanya icyo kivugwa.
 (c): Bene iyo nkuru ishobora kugaragaramo amashusho yivugira ataherekejwe n'amagambo ku buryo uyisoma amenya icyo iyo shusho isobanura.
 (d) ni ubugeni bwo gukinira imbere y'imbaga y'abarebyi ibikorwa byigana imibereho, imico n'imyitwarire y'abantu aba n'aba igamije gutanga inyigisho iyi n'iyi mu buzima.
- 16) Rondora nibura uturango tune (4) tw'inkuru ishushanyije. (amanota 4)
- 17) Sobanura inshoberamahanga zikurikira hanyuma uzikoreshe mu nteruro zawe bwite. (amanota 8)
 (a) Guca igikuba.
 (b) Guca ururimi ukarumira.
 (c) Gusubiza amerwe mu isaho.
 (d) Kuva ku izima.
- 18) Andika amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira, ugaragaza ubutinde n'amasaku ariko ugabanya ibimenyetso: (amanota 10)
 (a) Ihene yange **itaka** ryayigiye mu jisho. Umva ukuntu **itaka**.
 (b) Umuntu yanika ibishyimbo ku **musambi**. Uyu **musambi** ntiwona imyaka.
 (c) **Umuwure** wagwiriye umwana wange acika igisebe; genda **umuwure**.
 (d) Intore **ikamba** iyo yambaye **ikamba** ryayo ari ryo mugara.
 (e) **Ineza ineza** uyigiriwe.
- 19) Koresha invugo yabugenewe ku magambo akurikira: (amanota 4)
 (a) Ikirundo k'intozi.
 (b) Itsinda ry'ingurube nyinshi.
 (c) Ikirundo k'inzuki.
 (d) Intaho y'imbeba.

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

- 20) Utarengeje imirongo makumyabiri n'itanu (25), ntuge no munsu y'imirongo makumyabiri (20), hanga umwandiko ukubiyemo ingingo nibura eshatu (3) zivugaga ku bubi bw'ibiyobyabwenge. (amanota 15)

.....**IHEREZO**.....